



Umwaka wa 63
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe
yo ku wa 11/07/2024

Year 63
Official Gazette n° Special of
11/07/2024

63^{ème} Année
Journal Officiel n° Spécial du
11/07/2024

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

Iteka rya Minisitiri/Ministerial Order/Arrêté Ministériel

Iteka rya Minisitiri n° 002/MoE/24 ryo ku wa 10/07/2024 ryerekeye gufatira ubutaka by'agateganyo no gusesa amasezerano yo gutunga ubutaka.....2

Ministerial Order n° 002/MoE/24 of 10/07/2024 relating to temporary requisition of land and termination of land ownership contract.....2

Arrêté Ministériel n° 002/MoE/24 du 10/07/2024 relatif à la réquisition temporaire des terres et à la résiliation du contrat de propriété foncière.....2

ITEKA RYA MINISITIRI N° 002/MoE/24 RYO KU WA 10/07/2024 RYEREKEYE GUFATIRA UBUTAKA BY'AGATEGANYO NO GUSESA AMASEZERANO YO GUTUNGA UBUTAKA	MINISTERIAL ORDER N° 002/MoE/24 OF 10/07/2024 RELATING TO TEMPORARY REQUISITION OF LAND AND TERMINATION OF LAND OWNERSHIP CONTRACT	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 002/MoE/24 DU 10/07/2024 RELATIF À LA RÉQUISITION TEMPORAIRE DES TERRES ET À LA RÉSILIATION DU CONTRAT DE PROPRIÉTÉ FONCIÈRE
<u>ISHAKIRO</u>	<u>TABLE OF CONTENTS</u>	<u>TABLE DES MATIÈRES</u>
<u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE	<u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE PREMIER :</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES
<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije	<u>Article One:</u> Purpose of this Order	<u>Article premier :</u> Objet du présent arrêté
<u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura	<u>Article 2:</u> Interpretation	<u>Article 2 :</u> Interprétation
<u>UMUTWE WA II:</u> IBISHINGIRWAHO N'UBURYO BWO GUFATIRA UBUTAKA BY'AGATEGANYO	<u>CHAPTER II:</u> CRITERIA AND MODALITIES FOR TEMPORARY REQUISITION OF LAND	<u>CHAPITRE II :</u> CRITÈRES ET MODALITÉS DE RÉQUISITION TEMPORAIRE DES TERRES
<u>Ingingo ya 3:</u> Ubutaka bushobora gufatirwa by'agateganyo	<u>Article 3:</u> Land that may be subject to temporary requisition	<u>Article 3 :</u> Terres pouvant faire l'objet de réquisition temporaire
<u>Ingingo ya 4:</u> Ibibanziriza ifatira ry'ubutaka ry'agateganyo	<u>Article 4:</u> Prerequisites for temporary land acquisition	<u>Article 4 :</u> Conditions préalables à l'acquisition temporaire d'une terre
<u>Ingingo ya 5:</u> Ibishingirwaho mu gufatira ubutaka by'agateganyo	<u>Article 5:</u> Basis of temporary land requisition	<u>Article 5 :</u> Base de la réquisition temporaire des terres
<u>Ingingo ya 6:</u> Integuza ku ifatira ry'ubutaka ry'agateganyo	<u>Article 6:</u> Notice for temporary requisition of land	<u>Article 6 :</u> Préavis de réquisition temporaire des terres

<u>Ingingo ya 7:</u> icyemezo cyo gufatira ubutaka by'agateganyo n'uburyo kimenyekanishwa <u>Ingingo ya 8:</u> Gutangaza icyemezo cy'uko ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo <u>Ingingo ya 9:</u> Uburyo bwo gutangaza icyemezo cyafashwe <u>Ingingo ya 10:</u> Igihe ifatira ry'ubutaka ry'agateganyo rimara <u>UMUTWE WA III: KURAGIRA UBUTAKA BWAFAFIRIWE BY'AGATEGANYO</u> <u>Ingingo ya 11:</u> Gucunga ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo <u>Ingingo ya 12:</u> Ubusabe bwo kuragizwa ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo <u>Ingingo ya 13:</u> icyemezo ku kuragizwa ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo <u>Ingingo ya 14:</u> Kumenyesha Umubitsi Mukuru w'inyandikompamo z'ubutaka amasezerano y'iragizwa ry'ubutaka	<u>Article 7:</u> Decision for temporary requisition of land and its notification modalities <u>Article 8:</u> Public announcement of the decision of temporary requisition of land <u>Article 9:</u> Modalities for publication of the decision taken <u>Article 10:</u> Period for temporary requisition of land <u>CHAPTER III: ASSIGNMENT OF TEMPORARILY REQUISITIONED LAND</u> <u>Article 11:</u> Management of temporarily requisitioned land <u>Article 12:</u> Application for assignment of temporarily requisitioned land <u>Article 13:</u> Decision on the assignment of temporarily requisitioned land <u>Article 14:</u> Notification to the Chief Registrar of land titles of the contract of land assignment	<u>Article 7 :</u> Décision de réquisition temporaire d'une terre et les modalités de sa notification <u>Article 8 :</u> Annonce publique de la décision de réquisition temporaire d'une terre <u>Article 9 :</u> Modalités de publication de la décision prise <u>Article 10 :</u> Durée de réquisition temporaire d'une terre <u>CHAPITRE III : GARDIENNAGE DES TERRES TEMPORAIREMENT REQUISITIONNÉES</u> <u>Article 11 :</u> Gestion des terres temporairement réquisitionnées <u>Article 12 :</u> Demande du gardiennage de la terre temporairement réquisitionnée <u>Article 13 :</u> Décision sur le gardiennage de la terre temporairement réquisitionnée <u>Article 14 :</u> Informer le Conservateur en Chef des titres fonciers du contrat de gardiennage d'une terre
--	--	---

UMUTWE WA IV: IBISABWA N'IBIGOMBA KUBAHIRIZWA KUGIRA NGO UBUTAKA BWAFAFIRIWE BY'AGATEGANYO BUSUBIZWE NYIRABWO	CHAPTER IV: REQUIREMENTS AND CONDITIONS FOR REPOSSESSION OF TEMPORARILY REQUISITIONED LAND	CHAPITRE IV : CONDITIONS ET EXIGENCES POUR LA REPOSSESSION DES TERRES TEMPORAIREMENT RÉQUISITIONNÉES
<u>Ingingo ya 15:</u> Ubusabe bwo gusubizwa ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo	<u>Article 15:</u> Application for repossession of temporarily requisitioned land	<u>Article 15 :</u> Demande de repossession des terres temporairement réquisitionnées
<u>Ingingo ya 16:</u> Imenyeshya ry'icyemezo kivanaho ifatira ry'ubutaka by'agateganyo mbere y'uko igihe cy'ifatira kirangira	<u>Article 16:</u> Notification of the decision to revoke the temporary requisition of land before the end of its period	<u>Article 16 :</u> Notification de la décision de révocation de la réquisition temporaire de la terre avant la fin de sa durée
<u>Ingingo ya 17:</u> Inshingano z'usubijwe ubutaka bwari bwarafatiriwe by'agateganyo	<u>Article 17:</u> Responsibilities of the person who repossessed the land that was temporarily requisitioned	<u>Article 17 :</u> Responsabilités de celui qui a repris possession de la terre temporairement réquisitionnée
UMUTWE WA V: UBURYO BWO GUSESA AMASEZERANO YO GUTUNGA UBUTAKA	CHAPTER V: MODALITIES FOR TERMINATION OF LAND OWNERSHIP CONTRACT	CHAPITRE V : MODALITÉS DE RÉSILIATION DU CONTRAT DE PROPRIÉTÉ FONCIÈRE
<u>Ingingo ya 18:</u> Impamvu zo gusesa amasezerano yo gutunga ubutaka	<u>Article 18:</u> Reasons for termination of land ownership contract	<u>Article 18 :</u> Motifs de résiliation du contrat de propriété foncière
<u>Ingingo ya 19:</u> Ubusabe bwo gusesa amasezerano yo gutunga ubutaka	<u>Article 19:</u> Application for termination of land ownership contract	<u>Article 19 :</u> Demande de résiliation du contrat de propriété foncière
<u>Ingingo ya 20:</u> Integuza yo gusesa amasezerano yo gutunga ubutaka	<u>Article 20:</u> Notice to terminate the land ownership contract	<u>Article 20 :</u> Préavis de résiliation du contrat de propriété foncière
<u>Ingingo ya 21:</u> Uburenganzira bwa nyir'ubutaka mu gihe cy'integuza	<u>Article 21:</u> Rights of land owner during the notice period	<u>Article 21 :</u> Droits du propriétaire foncier pendant le délai de préavis

<u>Ingingo ya 22:</u> Inkurikizi yo gusesa amasezerano yo gutunga ubutaka	<u>Article 22:</u> Effects of termination of land ownership contract	<u>Article 22 :</u> Effets de la résiliation du contrat de propriété foncière
<u>UMUTWE WA VI:</u> INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA	<u>CHAPTER VI:</u> MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE VI :</u> DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES
<u>Ingingo ya 23:</u> Kwishyura ubutaka bwafatiriwe	<u>Article 23:</u> Payment of land requisitioned	<u>Article 23 :</u> Paiement d'une terre réquisitionnée
<u>Ingingo ya 24:</u> Ingingo y'ururimi	<u>Article 24:</u> Language provision	<u>Article 24 :</u> Disposition linguistique
<u>Ingingo ya 25:</u> Gutangira gukurikizwa	<u>Article 25:</u> Entry into force	<u>Article 25 :</u> Entrée en vigueur

Official Gazette n° Special of 11/07/2024

ITEKA RYA MINISITIRI N° 002/MoE/24 RYO KU WA 10/07/2024 RYEREKEYE GUFATIRA UBUTAKA BY'AGATEGANYO NO GUSESA AMASEZERANO YO GUTUNGA UBUTAKA Minisitiri w'Ibidukikije; Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda; Ashingiye ku Itegeko n° 27/2021 ryo ku wa 10/06/2021 rigenga ubutaka, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 49, iya 70 n'iya 71; Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 22/05/2024 imaze kubisuzuma no kubyemeza; ATEGETSE: <u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije Iri teka rigena – (a) ibishingirwaho n'uburyo bwo gufatira ubutaka by'agateganyo;	MINISTERIAL ORDER N° 002/MoE/24 OF 10/07/2024 RELATING TO TEMPORARY REQUISITION OF LAND AND TERMINATION OF LAND OWNERSHIP CONTRACT The Minister of Environment; Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda; Pursuant to Law n° 27/2021 of 10/06/2021 governing land, especially in Articles 49, 70 and 71; After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 22/05/2024; ORDERS: <u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS <u>Article One:</u> Purpose of this Order This Order determines – (a) criteria and modalities for temporary requisition of land;	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 002/MoE/24 DU 10/07/2024 RELATIF À LA RÉQUISITION TEMPORAIRE DES TERRES ET À LA RÉSILIATION DU CONTRAT DE PROPRIÉTÉ FONCIÈRE Le Ministre de l'Environnement ; Vu la Constitution de la République du Rwanda ; Vu la Loi n° 27/2021 du 10/06/2021 portant régime foncier, spécialement en ses articles 49, 70 et 71 ; Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 22/05/2024 ; ARRÊTE : <u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u> <u>Article premier :</u> Objet du présent arrêté Le présent arrêté détermine – (a) les critères et les modalités de la réquisition temporaire des terres ;
--	--	--

(b) imicungire y'ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo; (c) ibisabwa n'ibigomba kubahirizwa kugira ngo ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo busubizwe; (d) n'uburyo bwo gusesa amasezerano yo gutunga ubutaka. <u>Ingingo ya 2: Isobanura</u> Muri iri teka – (a) « ahantu h'icyitegererezo » bivuga ahanu hagenwe nk'izingiro ry'ibikorwa by'ubukungu n'iterambere, bituma abashoramari n'abandi bantu bifuzwa kuhakorera ibikorwa byabo; (b) « igenagaciro » bivuga raporo igaragaza agaciro k'ubutaka n'ibyabukoreweho yakozwe n'umugenagaciro wemewe n'Urugaga rw'abakora umwuga w'igenagaciro ku mutungo utimukanwa mu Rwanda; (c) « Minisiteri » bivuga Minisiteri ifite ubutaka mu nshingano; (d) « Minisitiri » bivuga Minisitiri ufite	(b) management of temporarily requisitioned land; (c) requirements and conditions for repossession of temporarily requisitioned land; and (d) modalities for terminating a land ownership contract. <u>Article 2: Interpretation</u> In this Order – (a) “prime area” means an area designated as a hub of economic and developmental activities, which attracts investors and other persons to conduct their activities therein; (b) “valuation” means a report indicating the value of the land and activities incorporated on the land prepared by a certified valuer from the Institute of Real Property Valuers in Rwanda; (c) “Ministry” means the Ministry in charge of land; (d) “Minister” means the Minister in	(b) la gestion des terres temporairement réquisitionnées ; (c) les conditions et les exigences pour la repossession des terres temporairement réquisitionnées ; et (d) les modalités de résiliation du contrat de propriété foncière. <u>Article 2 : Interprétation</u> Dans le présent arrêté – (a) « emplacement privilégié » signifie une zone désignée comme centre d'activités économiques et de développement, qui attire les investisseurs et autres personnes pour y exercer leurs activités ; (b) « évaluation » signifie un rapport indiquant la valeur de la terre et des activités incorporées sur la terre réalisée par un évaluateur foncier certifié par l'Ordre des Évaluateurs des Biens Immobiliers au Rwanda ; (c) « Ministère » signifie le Ministère ayant les terres dans ses attributions ; (d) « Ministre » signifie le Ministre ayant
--	---	--

ubutaka mu nshingano. UMUTWE WA II: IBISHINGIRWAHO N'UBURYO BWO GUFATIRA UBUTAKA BY'AGATEGANYO <u>Ingingo ya 3:</u> Ubutaka bushobora gufatirwa by'agateganyo Ubutaka bwagenewe ubuhinzi, ubworozi cyangwa amashyamba bufite ubuso butari muni ya hegitari eshanu, butabyazwa umusaruro bushobora gufatirwa by'agateganyo. <u>Ingingo ya 4:</u> Ibibaniriza ifatira ry'ubutaka ry'agateganyo (1) Mu gihe cy'amezi nibura atandatu akurikirana, Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere gafite ubuzimagatozi bishingiye kuri raporo igaragaza ko ubutaka budakoreshwa, bisaba mu nyandiko nyir'ubutaka bwagaragajwe muri iyo raporo ko budakoreshwa kububya umusaruro, cyangwa kugaragaza impamvu atabubya umusaruro. (2) Iyo nyir'ubutaka agaragaje impamvu yumvikana yo kutabubya umusaruro, Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere	charge of land. CHAPTER II: CRITERIA AND MODALITIES FOR TEMPORARY REQUISITION OF LAND <u>Article 3:</u> Land that may be subject to temporary requisition Land intended for agriculture, livestock or forestry with a size not less than five hectares, that is non-exploited may be subject to temporary requisition. <u>Article 4:</u> Prerequisites for temporary land acquisition (1) During the six consecutive months, the City of Kigali or the District with legal personality, based on the report indicating that the land is non-exploited, requests in writing, the owner of the land mentioned in the report as non-exploited, to exploit it or to provide reasons why he or she does not exploit it. (2) When the owner of the land provides a reasonable ground for not using land, the City of Kigali or the District	les terres dans ses attributions. CHAPITRE II : CRITÈRES ET MODALITÉS DE RÉQUISITION TEMPORAIRE DES TERRES <u>Article 3 :</u> Terres pouvant faire l'objet de réquisition temporaire Les terres destinées à l'agriculture, à l'élevage ou à la foresterie d'une superficie d'au moins cinq hectares inexploités peuvent faire l'objet de réquisition temporaire. <u>Article 4 :</u> Conditions préalables à l'acquisition temporaire d'une terre (1) Pendant six mois consécutifs, la Ville de Kigali ou le District doté de la personnalité juridique, sur la base du rapport indiquant qu'une terre est inexploitée, demande par écrit au propriétaire de la terre indiquée dans ce rapport comme étant inexploitée, d'exploiter cette terre ou de fournir des raisons pour lesquelles il ne l'exploite pas. (2) Lorsque le propriétaire foncier donne une raison valable, la Ville de Kigali ou le District doté de la personnalité
---	---	--

gafite ubuzimagatozi bimusaba kwatira ubwo butaka undi muntu ushobora kububya umusaruro. (3) icyakora, iyo nyir'ubutaka atabwariye cyangwa ngo abutize undi, cyangwa impamvu yatanze itumvikana, cyangwa se ataratanze impamvu kandi ubutaka bwe butabyazwa umusaruro, Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere gafite ubuzimagatozi bishyira ubwo butaka muri raporo y'ubutaka bugomba gufatirwa.	with legal personality requests him or her to sub-lease that land to another person who can exploit it. (3) However, if the land owner does not sub-lease the land or make it concession to another person or the reason he or she gave is invalid or he or she has not given a reason and his or her land remains unexploited, the City of Kigali or the District with legal personality includes the land in the report of land that must be requisitioned.	juridique lui demande de faire la sous-emphytéose de cette terre à une autre personne pouvant l'exploiter. (3) Toutefois, lorsque le propriétaire foncier ne fait pas une sous-emphytéose de la terre ou n'en fait pas concession à une autre personne ou lorsque la raison qu'il a invoquée n'est pas valable ou lorsqu'il n'a pas donné de raison et que sa terre reste inexploitée, la Ville de Kigali ou le District doté de la personnalité juridique inclut cette terre dans le rapport des terres qui doivent être réquisitionnées.
<u>Ingingo ya 5: Ibishingirwaho mu gufatira ubutaka by'agateganyo</u> (1) Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere gafite ubuzimagatozi bishobora gusaba Minisitiri gufatira by'agateganyo ubutaka budakoreshwa iyo hari – (a) raporo zigaragaza ko ubutaka bumaze nibura umwaka umwe budakoreshwa nta mpamvu yumvikana; (b) cyangwa amabaruwa y'inzezo	<u>Article 5: Basis of temporary land requisition</u> (1) The City of Kigali or a District with legal personality may request the Minister to order temporary requisition of unexploited land if there are – (a) reports indicating that the land has not been exploited for a period of one year without reasonable ground; or (b) official letters from decentralized	<u>Article 5 : Base de la réquisition temporaire des terres</u> (1) La Ville de Kigali ou un District doté de la personnalité juridique peut demander au Ministre de procéder à la réquisition temporaire des terres inexploitées lorsqu'il y a – (a) des rapports indiquant que les terres n'ont pas été exploitées pendant une période d'un an sans motif raisonnable ; ou (b) des lettres officielles des entités

z'ibanze zisaba nyir'ubutaka kubukoresha ariko ntabukoreshe nta mpamvu agaragaza. (2) Ku byerekeye amabaruwa avugwa mu gika (1)(b) hagomba kuba hari ikimenyetso kigaragaza ko yageze ku wo yari agenewe. <u>Ingingo ya 6: Integuza ku ifatira ry'ubutaka ry'agateganyo</u> (1) Minisitiri aha nyir'ubutaka, mu nyandiko, integuza y'iminsi 90 mbere y'ifatira ry'ubutaka ry'agateganyo, ibarwa uherye ku munsu yakiriyeho iyo nteguza. (2) icyakora, gufatira ubutaka by'agateganyo bishobora guhagarikwa cyangwa gusubikwa, iyo mu gihe cy'integuza giteganywa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, nyir'ubutaka – (a) agaragarije, mu nyandiko, Minisitiri impamvu yumvikana yatumye atabyaza umusaruro ubutaka bwe; (b) agaragaje ubushake n'ubushobozi byo kubyaza umusaruro ubutaka	entities requesting the land owner to exploit the land but the land owner failed to do so without justification. (2) Regarding the letters referred to in Paragraph (1)(b) there must be evidence that they have reached the recipient. <u>Article 6: Notice for temporary requisition of land</u> (1) The Minister gives the land owner a written notice of 90 days before temporary requisition of land, counted from the date of receipt of the notice. (2) However, temporary requisition of land may be cancelled or suspended if, during the notice period provided for in Paragraph (1) of this Article, the land owner – (a) proves in writing to the Minister the reasonable ground for non-exploitation of his or her land; (b) shows the willingness and ability to exploit the land showing the	décentralisées demandant au propriétaire foncier d'exploiter des terres et que ce dernier ne le fait pas sans justification. (2) Concernant les lettres visées au paragraphe (1)(b), il doit y avoir la preuve qu'elles sont parvenues au destinataire. <u>Article 6 : Préavis de réquisition temporaire des terres</u> (1) Le Ministre donne au propriétaire foncier un préavis écrit de 90 jours avant la réquisition temporaire de la terre, à compter de la date de réception de ce préavis. (2) Toutefois, la réquisition temporaire des terres peut être annulée ou suspendue lorsque, pendant la période de préavis prévue au paragraphe (1) du présent article, le propriétaire foncier – (a) prouve par écrit au Ministre un motif raisonnable de la non-exploitation de ses terres ; (b) montre la volonté et la capacité d'exploiter les terres en montrant le
--	---	---

agaragaza umushinga agomba gushyira mu bikorwa mu gihe kitarenze umwaka umwe; (c) cyangwa abwatiye undi muntu ushobora kububya umusaruro. (3) Iyo igihe cy'umwaka umwe giteganyijwe mu gika cya (2)(b) cy'iyi ngingo gishize nyir'ubutaka atarashyira mu bikorwa umushinga we, icyemezo cyo gufatira ubutaka gishyirwa mu bikorwa nta yindi nteguza. (4) Imenyesha ry'integuza y'ifatira ry'ubutaka ry'agateganyo rikorwa hakurikijwe uburyo bw'imenyekanisha ry'inyandiko za Leta buteganywa n'itegeko.	project that has to be implemented within one year; or (c) sub-leases it to another person who can exploit it. (3) If the period of one year provided for in Paragraph (2)(b) of this Article ends without the landowner's project being implemented, the temporary requisition of land is implemented without further notice. (4) Notification of the notice for temporary requisition of land is done in accordance with the modalities of notification of official acts as provided for by the law.	projet qui doit être mis en œuvre dans un délai d'une année ; ou (c) les met en sous-emphytéose à une autre personne qui peut les exploiter. (3) Lorsque le délai d'une année prévu au paragraphe (2)(b) du présent article expire sans que le projet du propriétaire foncier ne soit mis en œuvre, la réquisition temporaire de la terre est mise en œuvre sans autre préavis. (4) La notification du préavis de réquisition temporaire d'une terre se fait conformément aux modalités de notification des actes officiels prévues par la loi.
<u>Ingingo ya 7:</u> Icyemezo cyo gufatira ubutaka by'agateganyo n'uburyo kimenyekanishwa (1) Iyo igihe cy'integuza kivugwa mu ngingo ya 6 y'iri teka kirangiye nyir'ubutaka adakoze ibiteganywa mu ngingo ya 6(2) y'iri teka, Minisitiri afata icyemezo cyo gufatira by'agateganyo ubutaka bireba,	<u>Article 7:</u> Decision for temporary requisition of land and its notification modalities (1) If the notice period mentioned in Article 6 of this Order expires and the land owner has not complied with the provisions of Article 6(2) of this Order, the Minister takes a decision to temporarily requisition the land	<u>Article 7 :</u> Décision de réquisition temporaire d'une terre et les modalités de sa notification (1) Lorsque la période de préavis mentionnée à l'article 6 du présent arrêté expire et que le propriétaire foncier n'ait respecté les dispositions de l'article 6(2) du présent arrêté, le Ministre prend la décision de

akakimenyesha nyir'ubutaka mu buryo bw'imenyekanisha ry'inyandiko za Leta. (2) Minisitiri amenyesha nyir'ubutaka icyemezo cyo gufatira ubutaka by'agateganyo mu gihe kitarenze iminsi itanu y'akazi ikurikira ifatwa ryacyo, akagera kopi Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali cyangwa Umuyobozi w'Akarere gafite ubuzimagatozi ubutaka buherereyemo.	concerned and notifies the land owner in conformity with the modalities of notification of official acts. (2) The Minister notifies the land owner of the decision to temporarily requisition his or her land within five working days following the taking of the decision and reserves a copy to the Mayor of the City of Kigali or the Mayor of the District with legal personality where the land is located.	réquisionner temporairement la terre concernée et en informe le propriétaire foncier conformément aux modalités de notification des actes officiels. (2) Le Ministre informe le propriétaire foncier de la décision de réquisition temporaire de sa terre dans les cinq jours ouvrables suivant la prise de cette décision et il en réserve une copie au Maire de la Ville de Kigali ou au Maire du District doté de la personnalité juridique où la terre se trouve.
<u>Ingingo ya 8: Gutangaza icyemezo cy'uko ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo</u> (1) Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali cyangwa Umuyobozi w'Akarere gafite ubuzimagatozi ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo buherereyemo, mu gihe kitarenze iminsi irindwi nyuma yo kumenyeshwa mu nyandiko na Minisitiri icyemezo cyo gufatira ubutaka by'agateganyo, atangaza icyo cyemezo cyafashwe cyo gufatira ubwo butaka by'agateganyo. (2) Itangazo ry'uko ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo rigaragaza ibi bikurikira:	<u>Article 8: Public announcement of the decision of temporary requisition of land</u> (1) The Mayor of the City of Kigali or the Mayor of the District with legal personality where the temporarily requisitioned land is located, within seven days after being notified in writing, by the Minister, of the decision of temporary requisition of land, publicly announces the decision taken to temporarily requisition the land. (2) The public announcement of the temporary requisition of land indicates the following:	<u>Article 8 : Annonce publique de la décision de réquisition temporaire d'une terre</u> (1) Le Maire de la Ville de Kigali ou le Maire du District doté de la personnalité juridique où se trouve la terre temporairement réquisitionnée, dans les sept jours après avoir été notifié par écrit de la décision de réquisition temporaire de la terre par le Ministre, annonce publiquement cette décision prise de réquisitionner temporairement cette terre. (2) L'annonce publique de réquisition temporaire d'une terre indique ce qui suit :

Official Gazette n° Special of 11/07/2024

(a) inomeru iranga ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo; (b) amazina ya nyir'ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo; (c) umudugudu, akagari n'umurenge by'aho ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo buherereye; (d) ubuso bw'ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo n'icyo bwagenewe gukoreshwa; (e) ibikorwa biri kuri ubwo butaka bwafatiriwe by'agateganyo; (f) itambamira cyangwa ingwate yanditse kuri ubwo butaka bwafatiriwe by'agateganyo, igihe bihari; (g) igihe ifatira ryatangiriye n'igihe rizarangirira. <u>Ingingo ya 9:</u> Uburyo bwo gutangaza icyemezo cyafashwe Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali cyangwa	(a) registration number of temporarily requisitioned land; (b) the names of the land owner whose land is temporarily requisitioned; (c) the village, cell and sector where the land temporarily requisitioned is located; (d) the surface area of the temporarily requisitioned land and its intended use; (e) activities that are on the temporarily requisitioned land; (f) a caveat or mortgage attached to the temporarily requisitioned land, if any; (g) the starting and ending date of the requisition. <u>Article 9:</u> Modalities for publication of the decision taken The Mayor of the City of Kigali or the Mayor	(a) le numéro d'enregistrement de la terre temporairement réquisitionnée ; (b) les noms du propriétaire foncier dont la terre est temporairement réquisitionnée ; (c) le village, la cellule et le secteur où se situe la terre temporairement réquisitionnée ; (d) la surface de la terre temporairement réquisitionnée et son utilisation prévue ; (e) les activités se trouvant sur cette terre temporairement réquisitionnée ; (f) l'opposition ou l'hypothèque enregistrée sur la terre temporairement réquisitionnée, le cas échéant ; (g) le début et la fin de la réquisition. <u>Article 9 :</u> Modalités de publication de la décision prise Le Maire de la Ville de Kigali ou du District
---	---	---

Umuyobozi w'Akarere gafite ubuzimagatozi ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo buherereyemo amanika itangazo rimenyekanisha icyemezo cyafashwe na Minisitiri cyo gufatira ubutaka by'agateganyo ahabugenewe ku biro by'Umujyi wa Kigali cyangwa iby'Intara, ku biro by'Akarere, ku biro by'Umurenge no ku biro by'Akagari ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo buherereyemo, akanaritangaza akoresheje uburyo bw'ikoranabuhanga. <u>Ingingo ya 10:</u> Igihe ifatira ry'ubutaka ry'agateganyo rimara (1) Gufatira by'agateganyo ubutaka bwagenewe ubuhinzi n'ubworozi bimara imyaka itatu ikurikirana, uhereye ku munsu Minisitiri yamenyesherejeho nyir'ubutaka icyemezo cy'ifatira ry'ubutaka ry'agateganyo. (2) Gufatira by'agateganyo ubutaka bwagenewe amashyamba bimara imyaka icumi ikurikirana, uhereye ku munsu Minisitiri yamenyesherejeho nyir'ubutaka icyemezo cy'ifatira ry'ubutaka ry'agateganyo.	of the District with legal personality where the temporarily requisitioned land is located posts an announcement of the decision on temporary requisition of land taken by the Minister at the place intended for that purpose at the office of the City of the Kigali or the Province, District, Sector and Cell where the temporarily requisitioned land is located and publishes the announcement by technological means. <u>Article 10:</u> Period for temporary requisition of land (1) Temporary requisition of land intended for agriculture and livestock lasts for three consecutive years, from the date on which the Minister notified the land owner of the decision of temporary requisition of land. (2) Temporary requisition of land intended for forestry lasts for ten consecutive years, starting from the date on which the Minister notified the land owner of the decision of temporary requisition of land.	doté de la personnalité juridique où se trouve la terre temporairement réquisitionnée affiche l'annonce de la décision de réquisition temporaire de la terre prise par le Ministre à l'endroit prévu à cet effet au bureau désigné de la Ville de Kigali ou de la Province, du District, du Secteur et de la Cellule où la terre temporairement réquisitionnée se trouve et publie cette annonce par les moyens technologiques. <u>Article 10 :</u> Durée de réquisition temporaire d'une terre (1) La durée de réquisition temporaire d'une terre destinée à l'agriculture et à l'élevage est de trois ans consécutifs, comptés à partir du jour où le Ministre a notifié la décision de réquisition temporaire d'une terre au propriétaire foncier. (2) La durée de réquisition temporaire des terres destinées à la foresterie est de dix ans consécutifs, comptés à partir du jour où le Ministre a notifié le propriétaire foncier de la décision de réquisition temporaire d'une terre.
---	---	--

UMUTWE WA III: KURAGIZA UBUTAKA BWAFATIRIWE BY'AGATEGANYO <u>Ingingo ya 11:</u> Gucunga ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo (1) Ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo bucungwa na Minisiteri. (2) Minisitiri ashobora kuragiza ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo umuntu ubwifuzza kandi ufite ubushobozi bwo kububya umusaruro mu gihe kitarenga icy'ifatira ry'agateganyo, hakurikijwe ibiteganywa muri iri teka. (3) Kuragiza ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo bikorwa mu buryo bw'amasezerano ashirwaho umukono na Minisitiri n'umuntu wifuzza kububya umusaruro. (4) Minisitiri atanga ubutaka buvugwa muri iyi ngingo akurikije gahunda yo kububya umusaruro yumvikanyeho n'ubaragijwe ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo. (5) icyakora, Minisitiri ashobora kuragiza ubutaka bwagenewe ubuhinzi	CHAPTER III: ASSIGNMENT OF TEMPORARILY REQUISITIONED LAND <u>Article 11:</u> Management of temporarily requisitioned land (1) Temporarily requisitioned land is managed by the Ministry. (2) The Minister may assign a temporarily requisitioned land to any interested person who is capable of exploiting that land for a period not exceeding the duration of temporary requisition, in accordance with the provisions of this Order. (3) The assignment of the temporarily requisitioned land is done through a contract signed between the Minister and the person who intends to exploit it. (4) The Minister allocates the land referred to in this Article in accordance with the exploitation plan agreed upon with the assignee of the temporarily requisitioned land. (5) However, the Minister may assign	CHAPITRE III : GARDIENAGE DES TERRES TEMPORAIREMENT REQUISITIONNÉES <u>Article 11</u> : Gestion des terres temporairement réquisitionnées (1) La terre temporairement réquisitionnée est gérée par le Ministère. (2) Le Ministre peut accorder le gardiennage d'une terre temporairement réquisitionnée à une personne intéressée et qui est capable de l'exploiter pour une durée n'excédant pas la durée de réquisition temporaire, conformément aux dispositions du présent arrêté. (3) Le gardiennage des terres temporairement réquisitionnées se fait sous forme d'un contrat signé par le Ministre et la personne qui souhaite les exploiter. (4) Le Ministre cède les terres visées dans le présent article suivant le plan d'exploitation convenu avec le gardien de terres temporairement réquisitionnées. (5) Toutefois, le Ministre peut accorder des terres destinées à l'agriculture ou à
--	--	--

cyangwa ubworozi bwafatiriwe by'agateganyo umuntu mu rwego rwo kuzamura imibereho myiza ye, bisabwe n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali cyangwa Umuyobozi w'Akarere gafite ubuzimagatozi ubwo butaka buherereyemo. <u>Ingingo ya 12:</u> Ubusabe bwo kuragizwa ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo (1) Umuntu wifuza kuragizwa ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo ashyikiriza ubusabe bwe mu nyandiko Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere gafite ubuzimagatozi ubutaka buherereyemo. (2) Ubusabe bw'umuntu wifuza kuragizwa ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo buba bukubiyemo ibi bikurikira: (a) ibiranga ubutaka asaba kuragizwa; (b) gahunda yo kububya umusaruro; (c) gihamya y'uko afite ubushobozi mu rwego rwa tekini no mu rw'imari bwo kububungabunga no kububya umusaruro ku buryo buhamye.	land intended for agriculture or livestock temporarily requisitioned to an individual to improve his or her social welfare, on request by the Mayor of the City of Kigali or the Mayor of the District with legal personality where the land is located. <u>Article 12:</u> Application for assignment of temporarily requisitioned land (1) A person who intends to be assigned a temporarily requisitioned land addresses a written application to the City of Kigali or the District with legal personality where the land is located. (2) The application for assignment of temporarily requisitioned land includes the following: (a) the identification of the land subject to the assignment application; (b) an exploitation plan; (c) proof of technical and financial ability to efficiently conserve and exploit the land.	l'élevage temporairement réquisitionnées à une personne pour améliorer son bien-être social, à la demande du Maire de la Ville de Kigali ou du Maire du District doté de la personnalité juridique où cette terre se trouve. <u>Article 12 :</u> Demande du gardiennage de la terre temporairement réquisitionnée (1) Une personne qui souhaite le gardiennage d'une terre temporairement réquisitionnée adresse sa demande écrite à la Ville de Kigali ou au District doté de la personnalité juridique où cette terre se trouve. (2) La demande du gardiennage de la terre temporairement réquisitionnée comprend ce qui suit : (a) l'identification de la terre faisant l'objet de la demande de gardiennage ; (b) le plan d'exploitation ; (c) la preuve de capacité technique et financière à conserver et à exploiter efficacement la terre.
--	---	--

(3) Iyo ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo buragijwe umuntu agasanga buriho umutungo ushobora kononekara mu gihe abubya umusaruro, uragijwe ubwo butaka ashobora kuriha usanzwe ari nyir'ubutaka agaciro k'uwo mutungo hagendewe kuri raporo y'igenagaciro, ikorwa n'umugenagaciro wemewe, ushyirwaho n'Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere gafite ubuzimagatozi ubutaka buherereyemo, ku busabe no ku kiguzi by'uwaragijwe ubutaka. Icyakora iyo ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo buragijwe umuntu mu rwego rwo kuzamura imibereho myiza ye, Leta ibungabunga uwo mutungo ushobora kononekara.	(3) If the temporarily requisitioned land is assigned to the person, and the latter notices that there is property on the land that may be damaged during exploitation of the land, the assignee may pay to the first land owner the value of that property based on the value determined by a certified valuer designated by the City of Kigali or the District with legal personality where the land is located, at the request and at the expense of the assignee. However, if the temporarily requisitioned land is assigned to the person to improve his or her social welfare, the State maintains that property that may be damaged.	(3) Lorsque les terres temporairement réquisitionnées sont assignées à une personne et que celle-ci constate qu'il y a des biens sur cette terre qui peuvent être abimés pendant son exploitation, le gardien peut payer au premier propriétaire foncier la valeur de ces biens, selon la valeur déterminée par un évaluateur immobilier agréé, désigné par la Ville de Kigali ou le District doté de la personnalité juridique où la terre se trouve, à la demande et aux frais du gardien. Toutefois, lorsque les terres sont temporairement réquisitionnées à une personne pour améliorer son bien-être social, l'État entretient ces biens qui peuvent être abimés.
(4) Urugijwe ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo ashyira kuri konti ya banki cyangwa iy'ikindi kigo cy'imari ya nyir'ubwo butaka amafaranga angana n'agaciro k'umutungo uri ku butaka buragijwe. Iyo iyo konti itabonetse, ayo mafaranga ashyirwa mu Isanduku ya Leta akaba ari ho nyir'ubutaka azayasabira.	(4) The assignee of the temporarily requisitioned land pays into the bank account or into the account of another financial institution of the land owner the amount equivalent to the value of the property that was on the temporarily requisitioned land. If the account is not found, the amount is deposited on the account of National Treasury where the land owner will claim it from.	(4) Le gardien des terres temporairement réquisitionnées verse sur le compte bancaire ou sur le compte d'une autre institution financière du propriétaire foncier le montant équivalent à la valeur du bien qui était sur la terre temporairement réquisitionnée. Lorsque le compte n'est pas retrouvé, le montant est déposé sur le compte du Trésor public où le propriétaire foncier en fera la réclamation.

<u>Ingingo ya 13:</u> icyemezo ku kuragizwa ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo Iyo Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali cyangwa iy'Akarere gafite ubuzimagatozi ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo buherereyemo imaze gusesengura inyandiko z'abasabye kuragizwa ubwo butaka no guhitamo uwujije ibisabwa, Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali cyangwa Umuyobozi w'Akarere gafite ubuzimagatozi ashyikiriza dosiye Minisitiri kugira ngo igirane n'uwu wujije ibisabwa amasezerano yo kuragizwa ubutaka.	<u>Article 13:</u> Decision on the assignment of temporarily requisitioned land When the Executive Committee of the City of Kigali or of the District with legal personality where the temporarily requisitioned land is located has analysed the documents of the applicants for land assignment and selected the one who meets the requirements, the Mayor of the City of Kigali or the Mayor of the District with legal personality submits the file to the Ministry in order to conclude a contract of land assignment with the one who meets the requirements.	<u>Article 13 :</u> Décision sur le gardiennage de la terre temporairement réquisitionnée Lorsque le Comité Exécutif de la Ville de Kigali ou du District doté de la personnalité juridique où se trouve la terre temporairement réquisitionnée a analysé les documents de ceux qui ont demandé le gardiennage de cette terre et sélectionné celui qui répond aux conditions requises, le Maire de la Ville de Kigali ou le Maire du District doté de la personnalité juridique soumet le dossier au Ministère afin qu'il conclut un contrat de gardiennage de la terre avec celui qui remplit les conditions requises.
<u>Ingingo ya 14:</u> Kumenyesha Umubitsi Mukuru w'inyandikompamo z'ubutaka amasezerano y'iragizwa ry'ubutaka (1) Minisitiri aha Umubitsi Mukuru w'inyandikompamo z'ubutaka kopi y'amasezerano y'iragizwa ry'ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo kugira ngo ayandike muri rejisitiri y'ubutaka. (2) Umubitsi Mukuru w'inyandikompamo z'ubutaka yandika amakuru yerekeranye n'amasezerano y'iragizwa ry'ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo mu bubiko bw'amakuru y'ubutaka kandi akabushyiraho itambamira.	<u>Article 14:</u> Notification to the Chief Registrar of land titles of the contract of land assignment (1) The Minister gives the Chief Registrar of land titles a copy of the contract of land assignment for the temporarily requisitioned land for its registration in the land register. (2) The Chief Registrar of land titles registers the information relating to the contract of land assignment for the temporarily requisitioned land in the land register and attaches a caveat thereto.	<u>Article 14 :</u> Informer le Conservateur en Chef des titres fonciers du contrat de gardiennage d'une terre (1) Le Ministre remet au Conservateur en Chef des titres fonciers une copie du contrat de gardiennage foncier pour les terres temporairement réquisitionnées pour son enregistrement au registre foncier. (2) Le Conservateur en Chef des titres fonciers enregistre les informations relatives au contrat de gardiennage foncier pour les terres temporairement réquisitionnées au registre foncier et y met l'opposition.

(3) Uwaragijwe ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo yishyura umusoro uteganywa w'ubwo butaka hakurikijwe amategeko abigenga. UMUTWE WA IV: IBISABWA N'IBIGOMBA KUBAHIRIZWA KUGIRA NGO UBUTAKA BWAFAFIRIWE BY'AGATEGANYO BUSUBIZWE NYIRABWO <u>Ingingo ya 15:</u> Ubusabe bwo gusubizwa ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo (1) Umuntu usaba gusubizwa ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo yandikira Minisitiri mu gihe cy'amezi atandatu mbere y'uko igihe cy'ifatira kirangira, akagaragaza gahunda n'ubushobozi byo kubyaza umusaruro ku buryo bunoze ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo. (2) Iyo igihe cyo gufatira ubutaka by'agateganyo kirangiye nyir'ubutaka atarasaba Minisitiri kubusubizwa, Minisitiri ashobora gukomeza kuragiza ubwo butaka cyangwa agasesa amasezerano yo gutunga ubutaka hakurikijwe ibiteganywa n'iri teka.	(3) The assignee of the temporarily requisitioned land pays the tax of that land in accordance with applicable laws. CHAPTER IV: REQUIREMENTS AND CONDITIONS FOR REPOSSESSION OF TEMPORARILY REQUISITIONED LAND <u>Article 15:</u> Application for repossession of temporarily requisitioned land (1) A person who intends to repossess the temporarily requisitioned land submits a letter to the Minister, within six months before the end of the temporary requisition of land period, showing the plan and ability to efficiently exploit the temporarily requisitioned land. (2) If the period for temporary requisition of land elapses without the land owner having applied to the Minister for its repossession, the Minister may extend the assignment of the land or terminate the land ownership contract in accordance with the provisions of this Order.	(3) Le gardien des terres temporairement réquisitionnées paie la taxe de ces terres conformément aux lois applicables. CHAPITRE IV : CONDITIONS ET EXIGENCES POUR LA REPOSSESSION DES TERRES TEMPORAIREMENT RÉQUISITIONNÉES <u>Article 15 :</u> Demande de repossession des terres temporairement réquisitionnées (1) Une personne qui souhaite reprendre en possession une terre temporairement réquisitionnée présente au Ministre, dans les six mois avant la fin de la période de réquisition temporaire de la terre, une lettre démontrant le plan et sa capacité d'exploiter efficacement la terre temporairement réquisitionnée. (2) Lorsque la durée de réquisition temporaire d'une terre expire sans que le propriétaire foncier ait demandé sa repossession au Ministre, le Ministre peut prolonger le gardiennage de cette terre ou résilier le contrat de propriété foncière conformément aux dispositions du présent arrêté.
---	--	---

(3) icyakora, nyir'ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo ashobora gusaba kubusubizwa mbere y'igihe giteganywa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo iyo – (a) ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo butaragijwe undi muntu; (b) kandi nyir'ubwo butaka agaragarije Minisitiri ko afite ubushobozi bwo kububya umusaruro. <u>Ingingo ya 16:</u> Imenyesha ry'icyemezo kivanaho ifatira ry'ubutaka by'agateganyo mbere y'uko igihe cy'ifatira kirangira Minisitiri amenyesha mu nyandiko nyir'ubutaka bwafatiriwe by'agateganyo ko ubusabe bwe bwo gukuraho iryo fatira mbere y'uko igihe cyaryo kirangira bwemewe, akagera kopi Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere gafite ubuzimagatozi ubutaka buherereyemo. Minisitiri agenera kandi Umubitsi Mukuru w'inyandikompani z'ubutaka kopi y'icyo cyemezo, kugira ngo akureho itambamira ryanditswe kuri ubwo butaka.	(3) However, the owner of the temporarily requisitioned land may apply to repossess the land before the period provided for in Paragraph (1) of this Article if – (a) the temporarily requisitioned land was not assigned to another person; and (b) the land owner shows to the Minister that he or she has the ability to exploit the land. <u>Article 16:</u> Notification of the decision to revoke the temporary requisition of land before the end of its period The Minister notifies the land owner in writing of the acceptance of his or her request for revocation of the temporary requisition before the end of its period and provides a copy of the notification to the City of Kigali or the District with legal personality where the land is located. The Minister also provides the Chief Registrar of land titles with a copy of the decision for removal of the caveat registered on the land.	(3) Toutefois, le propriétaire de la terre temporairement réquisitionnée peut demander à reprendre possession avant le délai prévu au paragraphe (1) du présent article lorsque – (a) la terre temporairement réquisitionnée n'a pas été cédée à une autre personne, et (b) ce propriétaire foncier démontre au Ministre qu'il a la capacité d'exploiter cette terre. <u>Article 16 :</u> Notification de la décision de révocation de la réquisition temporaire de la terre avant la fin de sa durée Le Ministre notifie par écrit au propriétaire foncier de l'acceptation de sa demande de révocation de la réquisition temporaire avant la fin de sa durée et donne copie de cette notification à la Ville de Kigali ou au District doté de la personnalité juridique où la terre se trouve. Le Ministre réserve également une copie de la décision au Conservateur en Chef des titres fonciers pour la mainlevée de l'opposition enregistrée sur cette terre.
--	---	--

<u>Ingingo ya 17:</u> Inshingano z'usubijwe ubutaka bwari bwarafatiriwe by'agateganyo Umuntu usubijwe ubutaka bwari bwarafatiriwe by'agateganyo agomba kububungabunga no kububyaza umusaruro ku buryo bugaragara mu gihe kitarenze umwaka umwe uhereye ku muni yabushirijweho.	<u>Article 17:</u> Responsibilities of the person who repossessed the land that was temporarily requisitioned A person who repossesses the land that was temporarily requisitioned must conserve and significantly exploit the land within a period not exceeding one year from the date he or she repossessed the land.	<u>Article 17 :</u> Responsabilités de celui qui a repris possession de la terre temporairement réquisitionnée La personne qui reprend possession de la terre qui était temporairement réquisitionnée doit conserver et exploiter la terre de manière significative dans un délai d'une année à compter de la date à laquelle elle a repris possession de la terre.
<u>UMUTWE WA V: UBURYO BWO GUSESA AMASEZERANO YO GUTUNGA UBUTAKA</u>	<u>CHAPTER V: MODALITIES FOR TERMINATION OF LAND OWNERSHIP CONTRACT</u>	<u>CHAPITRE V : MODALITÉS DE RÉSILIATION DU CONTRAT DE PROPRIÉTÉ FONCIÈRE</u>
<u>Ingingo ya 18:</u> Impamvu zo gusesa amasezerano yo gutunga ubutaka (1) Leta ishobora gusesa amasezerano yo gutunga ubutaka iyo – (a) nyir'ubwo butaka atakibukeneye kandi yasabye mu nyandiko gusesa ayo masezerano; (b) nyir'ubwo butaka atubahirije ibikubiye mu masezerano yo gutunga ubutaka harimo kuba yananiwe kububyaza umusaruro mu gihe –	<u>Article 18:</u> Reasons for termination of land ownership contract (1) The State may terminate land ownership contract if – (a) land owner is no longer need the land and if he or she applies in writing for termination of land ownership contract; (b) land owner does not comply with terms of the land ownership contract including failure to exploit it when it is –	<u>Article 18 :</u> Motifs de résiliation du contrat de propriété foncière (1) L'État peut résilier le contrat de propriété foncière lorsque – (a) le propriétaire foncier n'en a plus besoin et a demandé par écrit la résiliation du contrat de propriété foncière ; (b) le propriétaire foncier ne respecte pas les termes du contrat de propriété foncière, y compris le fait de ne pas l'exploiter lorsqu'elle –

(i) buri ahamaze gushyirwa ibikorwa remezo by'ibanze birimo umuhanda, amazi, n'amashanyarazi; (ii) buri ahemerewe gutangirwa impushya zo kubaka; (iii) buri ahatangiye ishyirwa mu bikorwa ry'igishushanyo mbonera cy'imikoreshereze n'imitunganyirize by'ubutaka; (iv) buri ahantu h'icyitegererezo hashyirwaho n'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali cyangwa iy'Akarere gafite ubuzimagatozi; (v) kandi butabyajwe umusaruro hakurikijwe igishushanyo mbonera cy'imikoreshereze n'imitunganyirize y'ubutaka n'amategeko abigenga nibura mu gihe cy'imyaka itanu ikurikirana, ibarwa hashingiwe kuri raporo y'umwaka wa mbere w'isuzumwa;	(i) served with basic infrastructure including road, water and electricity; (ii) located in a place where building permits are authorised to be issued; (iii) located where the implementation phase of the land use and development master plan has started; (iv) located in prime area established by the Council of the City of Kigali or of the District with legal personality; and (v) has not been exploited according to the land use and development master plan and relevant laws for at least five consecutive years, as per report of the first year of inspection;	(i) est dotée des infrastructures de base, notamment la route, l'eau et l'électricité ; (ii) se trouve dans un endroit pour lequel on peut octroyer une autorisation de bâtir ; (iii) se trouve là où la phase de mise en œuvre du schéma directeur d'utilisation et d'aménagement des terres a commencé ; (iv) se trouve dans un emplacement privilégié déterminé par le Conseil de la Ville de Kigali ou du District doté de la personnalité juridique ; et (v) n'a pas été exploitée conformément au schéma directeur d'utilisation et d'aménagement des terres et à la législation en la matière pendant au moins cinq ans consécutifs, selon le rapport de la première année d'inspection ;
---	--	---

(c) nyir'ubwo butaka adasabye gusubizwa ubutaka bwagenewe ubuhinzi, ubworozi cyangwa amashyamba bwafatiriwe by'agateganyo hakurikijwe ibiteganywa n'iri teka ku bijyanye no gusubizwa ubutaka bwari bwarafatiriwe by'agateganyo cyangwa atubahirije ibisabwa uwasubijwe ubutaka nyuma yo gufatirwa; (d) cyangwa hagaragaye indi mpamvu yakwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri. (2) icyakora, mu gusesa amasezerano yo gutunga ubutaka bwo mu rwego rw'ishoramari, bimwe mu biteganywa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo bishobora kudakurikizwa hashingiwe ku bikubiye mu masezerano umushoramari yagiranye n'urwego rubifitiye ububasha hakurikijwe amategeko abigenga. <u>Ingingo ya 19:</u> Ubusabe bwo gusesa amasezerano yo gutunga ubutaka (1) Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali	(c) land owner does not apply for the return of land designated for agriculture, livestock or forestry that was temporarily requisitioned in compliance with the provisions of this Order regarding the return of temporarily requisitioned land or he or she did not comply with the requirements to land owner after its requisition; or (d) there is any other reason to be approved by the Cabinet. (2) However, in the termination of the land ownership agreement designed for investment, some of the provisions in Paragraph (1) of this Article may not be applied based on the terms of the agreement the investor has entered into with the competent authority in accordance with the relevant laws. <u>Article 19:</u> Application for termination of land ownership contract (1) The Mayor of the City of Kigali or the	(c) le propriétaire foncier ne demande pas la reprise de possession de la terre destinée à l'agriculture, à l'élevage ou à la foresterie qui a été temporairement réquisitionnée conformément aux dispositions du présent arrêté concernant la restitution d'une terre temporairement réquisitionnée ou s'il n'a pas respecté les exigences imposées au propriétaire foncier après sa réquisition ; ou (d) il y a une autre raison à être approuvée par le Conseil des Ministres. (2) Toutefois, en cas de résiliation du contrat de propriété foncière destiné à l'investissement, certaines des dispositions du paragraphe (1) du présent article ne peuvent pas être appliquées sur la base des termes de l'accord que l'investisseur a conclu avec l'autorité compétente conformément à la législation en la matière. <u>Article 19 :</u> Demande de résiliation du contrat de propriété foncière (1) Le Maire de la Ville de Kigali ou le
---	---	--

cyangwa Umuyobozi w'Akarere gafite ubuzimagatozi, ashingiye ku mpamvu zo gusesa amasezerano yo gutunga ubutaka ziteganywa mu ngingo ya 18 y'iri teka, asaba mu nyandiko Umubitsi Mukuru w'inyandikompamo z'ubutaka gusesa amasezerano yo gutunga ubutaka. (2) Ubusabe bwo gusesa amasezerano yo gutunga ubutaka buherekezwa n'ibi bikurikira: (a) raporo z'imyaka itanu z'Umujyi wa Kigali cyangwa iz'Akarere gafite ubuzimagatozi zerekana uburyo nyir'ubutaka atabyaje umusaruro ubutaka bwe, uretse ubutaka bwagenewe ubuhinzi, ubworozi n'amashyamba; (b) kopi z'amabaruwa Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere gafite ubuzimagatozi byandikiye nyir'ubutaka mu gihe cy'imyaka itanu ikurikirana bimusaba kubyaza umusaruro ubutaka bwe kandi, by'umwihariko mu myaka ibiri ya nyuma, bigaragariza nyir'ubutaka uburenganzira afite bwo guhererekanya ubwo butaka;	Mayor of the District with legal personality, based on the reasons for termination of land ownership contract provided for in Article 18 of this Order, requests in writing the Chief Registrar of land titles to terminate the land ownership contract. (2) The application for termination of land ownership contract is accompanied by the following: (a) five-year reports of the City of Kigali or of the District with legal personality showing how the land owner did not efficiently exploit his or her land except the land intended for agriculture, livestock and forestry; (b) copies of the letters that the City of Kigali or the District with legal personality addressed to the land owner during the last five consecutive years requesting him or her to exploit his or her land and, especially during the last two years, showing to the land owner that he or she has the right to transfer the land;	Maire du District, sur base des motifs de résiliation du contrat de propriété foncière prévus à l'article 18 du présent arrêté, demande par écrit au Conservateur en Chef des titres fonciers d'annuler le contrat de propriété foncière. (2) La demande de résiliation du contrat de propriété foncière est accompagnée de ce qui suit : (a) des rapports de cinq ans de la Ville de Kigali ou du District doté de la personnalité juridique démontrant comment le propriétaire foncier n'a pas exploité sa terre à l'exception des terres destinées à l'agriculture, à l'élevage et à la foresterie ; (b) des copies de lettres que la Ville de Kigali ou le District doté de la personnalité juridique a adressé au propriétaire foncier au cours des cinq années consécutives lui demandant d'exploiter sa terre et, surtout au cours des deux dernières années, lui montrant qu'il a le droit de transférer cette terre ;
--	--	--

(c) inyandiko igaragaza ibisobanuro nyir'ubutaka yatanze, iyo ihari; (d) ibiranga ubutaka n'aho buherereye; (e) inyandiko igaragaza imwe mu mpamvu ziteganywa mu ngingo ya 18 y'iri teka; (f) inyandiko igaragaza ko hari umuntu ufite ubushobozi, ukeneye ubwo butaka, kandi witeguye kubugura no kububanza umusaruro, hamwe n'igenagaciro rigereranyije ryabwo. (3) Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere gafite ubuzimagatozi ubutaka buherereyemo byandikira nyir'ubutaka, buri mwaka, ibaruwa ivugwa mu gika cya (2)(b) cy'iyi ngingo bishingiye kuri raporo y'imikoreshereze y'ubutaka. Iyo hari umuntu ufite uburenganzira kuri ubwo butaka kandi yarabushyirishijeho inzitizi hakurikijwe uburyo buteganywa n'amategeko abigenga, agenerwa kopi y'iyi baruwa.	(c) documents showing explanations given by the land owner, if any; (d) land identification and its location; (e) a document stating one of reasons mentioned in Article 18 of this Order; (f) a document showing that there is someone who needs the land and who is capable of buying and exploiting the land and its estimated valuation value. (3) The City of Kigali or the District with legal personality in which the land is located addresses to the land owner, every year, the letter provided for in Paragraph (2)(b) of this Article based on the land use report. If there is a person who has a right on the land and has submitted an objection according to the procedures provided by the relevant laws a copy of the letter is reserved for him or her.	(c) les documents montrant les explications données par le propriétaire foncier, le cas échéant ; (d) l'identification de la terre et son emplacement ; (e) un document qui montre l'un des motifs mentionnés dans l'article 18 du présent arrêté ; (f) un document qui montre qu'il existe quelqu'un qui en a besoin et qui a la capacité d'acheter et d'exploiter cette terre et sa valeur estimative d'évaluation. (3) La Ville de Kigali ou le District doté la personnalité juridique où la terre se trouve adresse, chaque année, au propriétaire foncier, la lettre prévue au paragraphe (2)(b) du présent article, sur la base du rapport d'utilisation des terres. S'il existe une personne qui a un droit sur la terre et qui a présenté une objection selon les procédures prévues par la législation en la matière, une copie de la lettre lui est réservée.
---	--	---

<u>Ingingo ya 20:</u> Integuza yo gusesa amasezerano yo gutunga ubutaka (1) Iyo Umubitsi Mukuru w'inyandikompamo z'ubutaka asanze ubusabe bwo gusesa amasezerano yo gutunga ubutaka bufite ishingiro, aha nyir'ubutaka integuza yanditse yo gusesa amasezerano yo gutunga ubutaka y'iminsi 90 bikagaragazwa muri rejisitiri y'ubutaka. Imenyesha ry'iyi nteguza rikorwa hakurikijwe uburyo imenyekanisha ry'inyandiko za Leta rikorwa. (2) Iyo igihe cy'integuza kirangiye nyir'ubutaka adatanze impamvu yumvikana ituma atubahiriza amasezerano yo gutunga ubutaka, cyangwa iyo ibisobanuro yatanze bitemewe n'urwego rubifitiye ububasha, Umubitsi Mukuru w'inyandikompamo z'ubutaka, asesa, mu izina rya Leta, amasezerano yo gutunga ubutaka Leta yagiranye na nyir'ubutaka. (3) Umubitsi Mukuru w'inyandikompamo z'ubutaka	<u>Article 20:</u> Notice to terminate the land ownership contract (1) If the Chief Registrar of land titles considers the request for termination of land ownership contract justifiable, gives the land owner a 90-day written notice of termination of the land ownership contract and the notice is recorded in the land register. Notification of the notice to terminate the land ownership contract is made in accordance with the modalities of notification of official acts. (2) If the notice period expires without the land owner having provided a valid reason for not complying with the land ownership contract, or if the explanations provided are not accepted by the competent authority, the Chief Registrar of land titles, terminates, on behalf of the State, the land ownership contract the State concluded with the land owner. (3) The Chief Registrar of land titles notifies in writing land owner the	<u>Article 20 :</u> Préavis de résiliation du contrat de propriété foncière (1) Lorsque le Conservateur en Chef des titres fonciers juge la demande de résiliation du contrat de propriété foncière fondée, il remet au propriétaire foncier un préavis écrit de 90 jours de résiliation du contrat de propriété foncière et ce préavis est inscrit au registre foncier. La notification du préavis de résiliation du contrat de propriété foncière est effectuée conformément aux modalités de notification des actes officiels. (2) Lorsque le délai de préavis expire sans que le propriétaire foncier ait fourni une raison valable justifiant le non-respect du contrat de propriété foncière, ou lorsque les explications fournies—ne sont pas acceptées par l'autorité compétente, le Conservateur en Chef des titres fonciers, sur décision du Conseil des Conservateurs, résilie, au nom de l'État, le contrat de propriété foncière que l'État a conclu avec le propriétaire foncier. (3) Le Conservateur en Chef des titres fonciers notifie par écrit au propriétaire
--	--	--

amenyesha mu nyandiko nyir'ubutaka icyemezo cyo gusesa amasezerano yo gutunga ubutaka kandi akagaragaza impamvu iseswa ry'ayo amasezerano rishingiyeho.	decision of termination of the land ownership contract, stating the reason on which that termination of the contract is based.	foncier la décision de résiliation du contrat de propriété foncière, en indiquant le motif sur lequel cette résiliation de contrat se fonde.
<u>Ingingo ya 21:</u> Uburenganzira bwa nyir'ubutaka mu gihe cy'integuza	<u>Article 21:</u> Rights of land owner during the notice period	<u>Article 21 :</u> Droits du propriétaire foncier pendant le délai de préavis
(1) Mu gihe cy'integuza giteganywa mu ngingo ya 20 y'iri teka, nyir'ubutaka agumana uburenganzira bwo kugurisha ubutaka bwe cyangwa kubwegurira undi muntu ufite ubushobozi bwo kububya umusaruro. (2) Iyo umuntu uguze cyangwa weguriwe ubutaka mu gihe cy'integuza yo gusesa amasezerano yo gutunga ubutaka atabubya umusaruro mu gihe cy'imyaka ibiri uhaye ku muni abuguriyeho cyangwa abweguriweho, amasezerano yo gutunga ubutaka hagati ye na Leta ahita aseswa.	(1) During the notice period provided for in Article 20 of this Order, the land owner retains the right to sell his or her land or transfer it to a person who has the ability to exploit the land. (2) If the person who buys the land or who is given the land during the notice period of termination of the land ownership contract does not exploit the land within the period of two years from the date he or she buys or he or she is given the land, the land ownership contract that he or she concluded with the State is automatically terminated.	(1) Durant le délai de préavis prévu à l'article 20 du présent arrêté, le propriétaire foncier conserve le droit de vendre la terre ou de la céder à une personne qui a la capacité de l'exploiter. (2) Lorsque la personne qui achète ou reçoit la terre pendant le délai de préavis de résiliation du contrat de propriété foncière n'exploite pas la terre dans le délai de deux ans comptés à partir du jour de l'achat ou de la réception de la terre, le contrat de propriété foncière qu'elle a conclu avec l'État est automatiquement résilié.
<u>Ingingo ya 22:</u> Inkurikizi yo gusesa amasezerano yo gutunga ubutaka	<u>Article 22:</u> Effects of termination of land ownership contract	<u>Article 22 :</u> Effets de la résiliation du contrat de propriété foncière
(1) Iyo amasezerano yo gutunga ubutaka asheshwe –	(1) When the land ownership contract is terminated –	(1) Lorsque le contrat de propriété foncière est résilié –

(a) nyir'ubutaka atakaza uburenganzira bwo gutunga no gukoresha ubwo butaka n'ibyabukoreweho; (b) Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere gafite ubuzimagatozi ubutaka buherereyemo bashyiraho umugenagaciro ukora igenagaciro ry'ubutaka n'ibyabukoreweho; (c) amafaranga agaragajwe muri raporo y'igenagaciro yishyurwa n'umuntu wemerewe kugura ubwo butaka n'Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere gafite ubuzimagatozi hakurikijwe ibigenwa n'iri teka; (d) amafaranga agaragajwe muri raporo y'igenagaciro ahabwa nyir'ubutaka havanywemo ikiguzi cy'ibyakozwe; (e) kandi ubutaka bugahita bwandikwa ku wabuguze. (2) Amafaranga avugwa mu gika cya (1)(c) na (d) cy'iyi ngingo ashyirwa	(a) the land owner loses the right to own and use the land and property incorporated thereon; (b) the City of Kigali or the District with legal personality in which the land is located appoints a property valuer who values the land and property incorporated thereon; (c) the amount indicated by the valuation report is paid by the person authorized by the City of Kigali or the District with legal personality in accordance with the provisions of this Order; (d) the amount indicated in the valuation report is paid to the land owner after removing the cost of the works done; and (e) the land is immediately registered to the person who bought it. (2) The amount of money provided for in Paragraph (1)(c) and (d) of this Article	(a) le propriétaire foncier perd le droit de posséder et d'utiliser la terre et les biens qui y sont incorporés ; (b) la Ville de Kigali ou le District doté de la personnalité juridique où la terre se trouve nomme un évaluateur immobilier qui évalue la terre et les biens qui y sont incorporés ; (c) le montant indiqué dans le rapport d'évaluation est payé par la personne agréée par la Ville de Kigali ou le District doté de la personnalité juridique conformément aux dispositions du présent arrêté ; (d) le montant indiqué dans le rapport d'évaluation est payé au propriétaire foncier après déduction du coût des travaux effectués ; et (e) la terre est immédiatement enregistrée au nom de la personne qui l'a acheté. (2) Le montant d'argent prévu au paragraphe (1)(c) et (d) du présent
--	---	---

kuri konti ya nyir'ubutaka cyangwa ku yindi konti igenwa hakurikijwe amategeko abigenga. Iyo konti itabonetse ashwirwa mu Isanduku ya Leta akaba ari ho nyir'ubutaka azayasabira.	is deposited on the account of the land owner or account determined in accordance with relevant laws. If the account is not found, it is deposited to the National Treasury, where the land owner will claim it from.	article est déposé sur le compte du propriétaire foncier ou sur un compte déterminé conformément à la législation en la matière. Lorsque le compte n'est pas retrouvé, il est déposé au Trésor public, auprès duquel le propriétaire foncier fera sa réclamation.
<u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</u>	<u>CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE VI : DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u>
<u>Ingingo ya 23: Kwishyura ubutaka bwafatiriwe</u>	<u>Article 23: Payment of land requisitioned</u>	<u>Article 23 : Paiement d'une terre réquisitionnée</u>
Ubutaka bwafatiriwe bukegurirwa umushoramari kuva Itegeko n° 27/2021 ryo ku wa 10/06/2021 rigenga ubutaka ritangiye gukurikizwa, bugenerwa agaciro kishyurwa uwari nyirabwo hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 22 y'iri teka.	The land requisitioned and granted to an investor since the entry into force of Law n° 27/2021 of 10/06/2021 governing land, is valued and paid to its former owner, in accordance with the provisions of Article 22 of this Order.	Une terre réquisitionnée et attribuée à un investisseur depuis l'entrée en vigueur de la Loi n° 27/2021 du 10/06/2021 portant régime foncier, est évaluée et payée à son ancien propriétaire conformément aux dispositions de l'article 22 du présent arrêté.
<u>Ingingo ya 24: Ingingo y'ururimi</u>	<u>Article 24: Language provision</u>	<u>Article 24 : Disposition linguistique</u>
Iri teka ryateguwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda.	This Order was drafted in Ikinyarwanda.	Le présent arrêté a été rédigé en Ikinyarwanda.
<u>Ingingo ya 25: Gutangira gukurikizwa</u>	<u>Article 25: Entry into force</u>	<u>Article 25 : Entrée en vigueur</u>
Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 10/07/2024

(sé)

Dr UWAMARIYA Valentine

Minisitiri w'Ibidukikije

Minister of Environment

Ministre de l'Environnement

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta

Minister of Justice and Attorney General

Ministre de la Justice et Garde des Sceaux